The minutes of the General Assembly's meetings are jointly signed by the Chairman and the Secretary General.

Section Two: The Executive Committee

Article 21:

The Executive Committee is composed of:

- The President: Legal Representative of the organisation;
- Two Vice-Presidents: Deputy Legal Representatives;
- The Secretary General;
- The Treasurer;
- a Coordinator by region.

Article 22:

The Executive Committee is the organ in charge of administrating the organization. It is therefore endowed with the following powers:

- to execute the decisions and recommendations of the General Assembly;
- to deal with the day to day management of the organization;
- to elaborate annual reports of activities;
- to elaborate budget provisions to submit to the approval of the General Assembly;
- to propose to the General Assembly all the amendments to the constitution and the internal regulations;
- to prepare the sessions of the General Assembly
- to negotiate agreements of cooperation and funding with partners
- to suspend temporarily an ordinary member or a member of the Executive Committee;

The causes of their suspension are determined by the internal

- gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi bo mu nzego zinyuranye z'ishyirahamwe.

Ingingo ya 23 : Perezida

Perezida yita ku migendekere myiza y'ishyirahamwe muri rusange, amurikira Inteko Rusange ingengo y'imari, atumiza kandi akayobora inama z'Inteko Rusange n'iza Komite Nyobozi, ahagararira ishyirahamwe mu nzego za Leta n'izigenza, izo mu rwego rw'igihugu n'izo mu rwego mpuzamahanga, atanga amabwiriza kandi agafatira ibihano abanyamuryango bagaragaje imyitwarire mibi. Mu mirimo ye, asimburwa by'agateganyo n'umwe muri ba Visi-Perezida iyo adahari cyangwa atabonetse.

Ingingo ya 24 : Umunyamabanga Mukuru

Umunyamuryango Mukuru ategura amabaruwa, akurikirana imibanire y'ishyirahamwe n'andi, abika inzandiko, ashyingura inyandiko zishaje n'izindi zose zifitiye ishyirahamwe akamaro kandi agakora inyandiko-mvugo z'inama.

Ingingo ya 25 : Umubitsi

Umubitsi ashinzwe imicungire myiza y'imari n'indi mitungo y'ishyirahamwe. Acunga amakonti muri banki, akora ishusho y'urwunguko n'amadeni kandi akabitangaho raporo ya buri gihembwe igenewe Komite Nyobozi.

Ingingo ya 26 : Abahuzabikorwa

Abahuzabikorwa bita ku migendekere myiza y'umurimo n'imyitwarire y'abanyamuryango mu turere bashinzwe.

Bagenzura amakosa yo kwica amategeko n'amabwiriza, bakabimenyesha Komite Nyobozi buri kwezi.

Ingingo ya 27 :

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri. Manda yabo imara imyaka itanu ishobora

présente le budget devant l'Assemblée Générale, convoque et dirige les réunions de l'Assemblée Générale et du Comité Exécutif, représente l'organisation dans les instances publiques et privées, nationales et internationales, donne des instructions et édicte des mesures d'ordre disciplinaires contre les membres défaillants. Il est remplacé temporairement dans ses fonctions en cas d'absence ou d'empêchement, par l'un des Vice-Présidents.

Article 24 : Du Secrétaire Général

Le Secrétaire Général prépare les correspondances, assure les relations avec les autres institutions, fait le classement du courrier, détient les archives ainsi que toute autre documentation intéressant l'organisation et rédige les procès verbaux des réunions.

Article 25 : du Trésorier

Le Trésorier est chargé de la bonne gestion financière et d'autres patrimoines de l'organisation. Il tient les comptes bancaires de l'organisation, établit le bilan de l'actif et du passif et présente un rapport trimestriel au Comité Exécutif.

Article 26 : Des Coordinateurs

Les Coordinateurs assurent l'ordre et la discipline dans les régions de leurs ressorts.

Ils constatent les manquements aux lois et aux règlements et en font rapport au Comité Exécutif chaque mois.

Article 27 :

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale pour un mandat de cinq ans renouvelable.

En cas de décès, de démission volontaire ou forcée prononcée par l'Assemblée Générale, les nouveaux membres élus achèvent le mandat de leurs prédécesseurs.

Les causes et les modalités de démission du Comité Exécutif sont

regulation of the organization.

- to recruit, appoint and exclude the staff of the different services of the organization.

Article 23: The President

The President deals with the general good running of the organization, presents the budget to the General Assembly, convenes and chairs the meetings of the General Assembly and the Executive Committee, represents the organization before the public and private, national and international institutions, gives instructions and takes disciplinary measures against deflating members. He is temporarily in his attributions in case of absence by one of the Vice-Presidents.

Article 24: The Secretary

The Secretary General prepares all the correspondences ensures public relations with other institutions, keeps the letters and archives and any other document interesting the organization, and takes the minutes of meetings.

Article 25: The Treasurer

The Treasurer is in charge of the good financial management and other properties of the organization. He keeps the bank accounts, makes the balance of credits and debts and presents a trimestrial report to the Executive Committee.

Article 26: The Coordinators

The Coordinators ensure order and discipline in the regions of their competence.

They control all mistakes to laws and bylaws and give report to the Executive Committee every month.

Article 27:

Members of the Executive Committee are elected among the

kongerwa.

Iyo abagize Komite Nyobozi bapfuye, beguye ku bushake cyangwa bavanyweho n'Inteko Rusange, abashya batowe barangiza manda yabo basimbuye. Impamvu n'uburyo bwo kuvanwa muri Komite Nyobozi bisobanurwa n'amabwiriza ngengamikorere y'ishyirahamwe. Ayo mabwiriza na none, iyo akena agahimbazamusyi kagenerwa abagize Komite Nyobozi.

Ingingo ya 28 :

Komite Nyobozi iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida wayo; yaba adahari cyangwa atabonetse bigakorwa n'umwe muri ba Visi-Perezida. Iterana mu buryo bwemewe iyo hari 2/3 by'abagize ibyemezo byayo bifatirwa ku bwiganze busanzwe. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 29 :

Mu rwego rwo kurengera inyungu z'ishyirahamwe, Komite Nyobozi ishobora gufata ibyemezo by'agatanganyo byihutirwa, ariko bikazemezwa burundu n'Inteko Rusange isanzwe ikurikira. Ibyemezo nk'ibyari ariko bigomba kuba biteganyijwe mu mabwiriza ngengamikorere y'ishyirahamwe

Igice cya gatatu : Ibyerekeye Akanama k'Ubugenzuzi

Ingingo ya 30 :

Inteko Rusange ishyiraho buri myaka itanu Abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo y'ishyirahamwe no kubikorera raporo.

Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo no mu zindi nyandiko z'ibaruramari ariko batabijyanye hanze y'ububiko. Baha raporo Inteko Rusange.

déterminées dans le règlement d'ordre intérieur de l'organisation. Ce même règlement fixe les primes des membres du Comité Exécutif.

Article 28 :

Le Comité Exécutif se réunit une fois par mois et autant de fois que de besoin, sur convocation et sous la direction de son Président ou à défaut, de l'un des Vice-Présidents. Il siège valablement lorsqu'il réunit la majorité de 2/3 des membres. Ses décisions sont prises à la majorité simple de voix. En cas de parité de voix, celle du Président compté double.

Article 29 :

Dans l'intérêt majeur de l'organisation, le Comité Exécutif peut provisoirement prendre des mesures urgentes qui ne deviendront définitives qu'après approbation par l'Assemblée Générale ordinaire suivante. De telles matières doivent néanmoins être prévues dans le règlement d'ordre intérieur de l'organisation.

Section troisième : De la Commission de contrôle

Article 30 :

L'Assemblée Générale nomme pour un mandat de cinq ans renouvelable deux Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et d'autres patrimoines de l'organisation.

Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux autres écritures comptables de l'organisation. Ils rendent des comptes à l'Assemblée Générale.

CHAPITRE V : DES MODIFICATIONS AUX STATUTS ET DE LA DISSOLUTION DE L'ORGANISATION

Article 31 :

Les présents statuts peuvent faire

effective membership by the General Assembly for a five years renewable term.

In case of death, voluntarily or dismissal by the General Assembly, the new elected members achieve the term of their predecessors. The causes and modalities of dismissal from the Executive Committee are determined in the internal regulation of the organization. The same internal regulation determines the advantages due to the Executive Committee.

Article 28:

The Executive Committee gathers once a month and as often as necessary. It is convened by the President or in case of absence, by one of the Vice-Presidents.

It legally meets and takes valuable resolutions when it gathers the 2/3rd majority of the members. Its resolutions are valuable when voted by the simple majority. In case of equal votes, the President has the casting vote.

Article 29:

In the superior interest of the organization, the Executive Committee may take temporary urgent disciplinary measures that shall be definite after approval by the ordinary following General Assembly. Such decisions must however be regulation of the organization.

Section Three: The Auditing Committee

Article 30:

The General Assembly appoints every five years two Auditors committed to control at any time the management of financial accounts and other properties of the organization.

They have access, without carrying them outside, to the books and accounting documents

**UMUTWE WA V :
IBYEREKEYE IHINDURWA
RY'AMATEGEKO N'ISESWA
RY'ISHYIRAHAMWE**

Ingingo ya 31 :

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa ½ cy'intumwa z'abanyamuryango nyakuri

Ingingo ya 32 :

Byemejwe ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa ishyirahamwe, kurifatanya n'andi cyangwa kuryomeka ku rindi bihuje intego.

Ingingo ya 33 :

Igihe ishyirahamwe risheshwe, Inteko Rusange ishyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kurangiza iryo seswa.

Iyo hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibintu bitimukanwa by'ishyirahamwe no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa ishyirahamwe bihuje intego cyangwa ukegurirwa Leta.

**UMUTWE WA VI :
IBYEREKEYE INGINGO
ZISOZA**

Ingingo ya 34:

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa mu mabwiriza ngengamikorere y'ishyirahamwe yemejwe n'Inteko Rusange

Ingingo ya 35:

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abanyamuryango nyakuri bari kuri lisiti iyometseho.

Asimbuye amategeko shingiro ya mbere yatangajwe mu Igazeti ya

Les présents statuts peuvent être objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité de 2/3 de voix, sur proposition du Comité Exécutif ou à la demande de la ½ des délégués des membres effectif de l'organisation.

Article 32 :

Sur décision de la majorité de 2/3 des voix, l'Assemblée Générale peut prononcer la dissolution de l'organisation, sa fusion ou son affiliation avec une autre organisation ayant un objet similaire.

Article 33 :

En cas de dissolution, l'assemblée Générale désigne un ou plusieurs curateurs chargé de procéder à la liquidation des biens de l'organisation.

Après inventaire des biens meubles et immeubles de l'organisation et après apurement du passif, l'actif du patrimoine est cédé à une organisation rwandaise poursuivant un objet similaire ou à l'Etat.

**CHAPITRE IV : DES
DISPOSITIONS FINALES**

Ingingo ya 34 :

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'organisation adopté par l'Assemblée Générale.

Article 35 :

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres effectifs de l'organisation dont la liste est en annexe

Ils remplacent les anciens statuts publiés au Journal Officiel de la République du Rwanda N° 21 du 01 Novembre 1992

Fait à Kigali, le 17/12/2006.

books and accounting documents of the organization. They give a report to the General Assembly.

**CHAPTER V: AMENDMENTS
OF THE CONSTITUTION AND
DISSOLUTION OF THE
ORGANIZATION**

Article 31:

The present constitution may be amended upon decision of the General Assembly by 2/3rd majority votes, on proposal from the Executive Committee or upon request from half of the delegates of effective membership of the organization.

Article 32:

Upon decision of the 2/3rd majority votes, the General Assembly may dissolve the organization; decide its fusion with or its affiliation to another organization pursuing a similar object.

Article 33:

In case of dissolution the General Assembly shall appoint one or several persons in charge of winding up the assets of the organization.

After inventory of movable and immovable properties and payment of debts, the remaining assets shall be transferred to a Rwandan organization pursuing a similar object or to the Government.

**CHAPTER VI: FINAL
PROVISIONS**

Article 34:

The modalities of implementing the present constitution and any lacking provision shall be determined in the internal regulations of the organization adopted by the General Assembly.

Article 35:

The present constitution is hereby approved and adopted by the founder members of the

<p>Leta ya Repubulika y'u Rwanda N° 21 yo kuwa 01 Ugushyingo 1992.</p> <p>Bikorewe i Kigali, kuwa 17/12/2006.</p> <p>Umuvugizi w'Ishyirahamwe Colonel TWAHIRWA Dodo Louis (sé)</p> <p>Visi-Perezida wa mbere NGEZE Issa (sé)</p> <p>Visi-Perezida wa kabiri NSENGIYUMVA François (sé)</p>	<p>Le Président de l'organisation Colonel TWAHIRWA Dodo Louis (sé)</p> <p>Le premier Vice-Président NGEZE Issa (sé)</p> <p>Le second Vice-Président NSENGIYUMVA François (sé)</p>	<p>organization whose list is hereafter attached.</p> <p>It replaces the former constitution Published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda N° 21 of November 1st, 1992.</p> <p>Done in Kigali, on 17/12/2006.</p> <p>The President of the organization Colonel TWAHIRWA Dodo Louis (sé)</p> <p>The First Vice-President NGEZE Issa (sé)</p> <p>The second Vice-President NSENGIYUMVA François (sé)</p>
--	--	--

INAMA Y'INTEKO RUSANGE ISANZWE Y'ISHYIRAHAMWE ATRACO YO KUWA 17/12/2006 KURI LA PALISSE CLUB NYANDUNGU

Mu nama y'Inteko Rusange yo kuwa 17/12/2006 yateraniye kuri la Palisse Club Nyandungu, ushinze kuyobora gahunda y'inama (maître de cérémonie), TWAGIRIMANA Salum, yafashe ijambo aha ikaze Perezida w'Ishyirahamwe ATRACO, Col. TWAHIRWA Dodo Louis anamuha ijambo kugira ngo ayobore imihango y'inama. Perezida wa ATRACO yatangiye inama aha ikaze abari bayitabiriye bese ; nyuma yaje guha ikaze abashyitsi bitabiriye iyo nama barimo Umuyobozi Mukuru wa CESTRAR n'uhagarariye Police.

Nyuma yo guha ikaze abari bitabiriye inama, Perezida wa ATRACO yakomeje abwira abitabiriye Inteko ko ku murongo w'ibyigwa hari ibi bikurikira :

- 1) Kurebera hamwe aho Ishyirahamwe ATRACO rigeze ndetse n'aho rigana ;
- 2) Kwemeza amategeko ayobora Ishyirahamwe nk'uko yavuguruwe (statuts, amategeko ngengamikorere) ;
- 3) Itegurwa ry'inama y'Inteko Rusange izakorerwamo amatora ya manda itaha ;
- 4) Gukangurira abagize Ishyirahamwe babishaka kwiyamamaza kuri manda itaha ;
- 5) Ikibazo cy'umunyamuryango wari umujyanama, wahagaritswe na Komite Nyobozi ;
- 6) Gusezerera abanyamuryango batakirimo muri ATRACO n'abakirimo batitwaye neza.

Ku ngingo ya mbere ijyanye n'ibyo Ishyirahamwe ATRACO rigezeho ndetse n'aho rigana, Perezida wa ATRACO yavuze muri make ko ATRACO imaze kugera ku bikorwa byinshi nko :

- Kwita no gutunganya umutekano w'abagenzi bagenda mu modoka ziri mu Ishyirahamwe ATRACO babifashijwemo na Police ;
- Kuvugurura imigendekere myiza y'umugenzi ;
- Gushyiraho programme yo gufasha ababana n'ubwandu bwa SIDA ;
- Gufatira buri munyamuryango ubwishingizi bw'ubuzima mu kigo cy'ubwishingizi COGEAR (Ma famille) ;
- Gushinga ikipe y'umupira w'amaguru (ATRACO FC) ;

Perezida yakomeje avuga ko hataganyijwe gushyirwaho umushinga uzateza imbere abanyamuryango (Coopec) wo kubitsa no kuguriza. Perezida mbere y'uko asoza ijambo rye yavuze kandi ko hari gahunda yo gushyiraho ishuri ku banyamuryango ryo kwiga imodoka, gukanika, indimi no gufata neza abagenzi kugira ngo umunyamuryango uzagera ku rwego rwo kuba shoferi azabe koko abifitiye ubumenyi buhagije.

Uyoboze gahunda y'inama (maître de cérémonie), TWAGIRIMANA SALUM nyuma y'ijambo rya Perezida wa ATRACO, yafashe ijambo amushimira kubyo amaze kugeza ku banyamuryango ; yakomeje inama atanga

ijambo ku bayobozi bakuru ba ATRACO kugira ngo bavuge ku buryo burambuye ibyagezweho n'Ishyirahamwe ATRACO.

Umunyamabanga Mukuru wa ATRACO amaze guhabwa ijambo yatangiye asuhuzwa abitabiriye Inteko bose anabashimira uburyo bayitabiriye. Yagejeje ku bari bitabiriye Inteko Rusange ibyo ATRACO yagezeho mu myaka itatu (3 ans) ishize. Ati : « Ibyo Perezida wa ATRACO amaze kubabwira ntabwo ari mu magambo gusa ahubwo byashyizwe no mu bikorwa ». Umunyamabanga Mukuru wa ATRACO yavuze ko Politiki y'Ishyirahamwe ATRACO ishingiye ku kazi (gukora umwuga wo gutwara abantu). Yakomeje avuga ko Ishyirahamwe ATRACO ryageze ku bikorwa byinshi harimo :

- Kwandika ku mamodoka yose akorera mu Mujyi wa Kigali kandi ko bizakomeza no mu Gihugu hose ;
- Gushyira n° kuri buri modoka yose mu rwego rwo kwirinda amakosa akorwa na bamwe mu batwara imodoka ;
- Kugarura umutekano mu gutwara abagenzi babifashijwemo na Police ;
- Gufasha ababana n'ubwandu bwa SIDA ;
- Gushinga ikipe y'umupira w'amaguru (ATRACO FC) ;
- Gushinganisha abanyamuryango ba ATRACO muri COGEAR (ma Famille) ;

Yakomeje ijambo rye avuga ko ATRACO ifite gahunda yo gukora ibi bikurikira :

- gushyiraho umushinga wo guteza imbere abanyamuryango (Coopec) ;
- guha abashoferi ba ATRACO Badge ndetse na Uniforme ; buri mushoferi akagira umwenda umuranga ;
- kuvugurura transport hagakorwa igendanye n'igihe ;
- Gushyiraho ishuri rya mécanique kugira ngo uzagere mu rwego rwo kuba shoferi azajye aba yabanje kunyura muri iryo shuri.

Umunyamabanga Mukuru w'Ishyirahamwe ATRACO yashoje aha ijambo Umubitsi wa ATRACO (Trésorier) kugira ngo ageze ku banyamuryango ibijyanye n'umutungo w'Ishyirahamwe.

Umubitsi w'Ishyirahamwe ATRACO mu ijambo rye yatangiye asuhuzwa abitabiriye Inteko bose abagezaho ibijyanye n'umutungo wa ATRACO mu myaka itatu (3ans) ishize. Umubitsi wa ATRACO yabwiye abari bitabiriye Inteko bose ko ATRACO :

- yakoranye kontaro na UBPR mu guteza imbere abanyamuryango bayo ;
- yishyuye ibirarane byose n'imisoro yari ifite ;
- yashatse banque ku banyamuryango kugira ngo mu gihe umukozi akeneye gufata ideni bijye bimworohera ;
- yashoboye gufunguriza abanyamuryango za konti bikaba bigikomeza ;
- kugeza ubu nta mukozi n'umwe ifitiye ideni.

Yavuze kandi ko ATRACO iteganya kuzashakira abanyamuryango assurance muri SORAS, yashoje ijambo rye avuga ko ATRACO ikora ibishoboka byose kugira ngo ikipe yayo irusheho gutera imbere.

Coordinatrice wa PLSA (Programme de lutte contre le SIDA dans l'ATRACO) yahawe ijambo avuga ko ATRACO yakoze igikorwa cyo gusuzumisha abanyamuryango bayo, gufasha ababana n'ubwandu bwa SIDA no kwishyurira abana b'abanyamuryango banduye ndetse no kubigisha kurwanya icyorezo cya SIDA. Yakomeje avuga ko hakozwe n'amahugurwa mu Ntara zitandukane ajyanye no kwigisha abanduye, yanavuze kandi ko hakozwe amatsinda yo kwihangira imirimo ku badamu b'abanyamuryango ati : « ibyo byose tugeraho tubifashwamo n'umuterankunga wacu CNLS ». Coordinatrice wa PLSA yakomeje avuga ko mu gufasha abanyamuryango ba ATRACO banduye bahura n'inzitizi zikurikira :

- kubura abaterankunga ;
- kubura ababjyanama bahagije mu kurwanya SIDA ;
- kubura abakozi mu Ntara.

Yarangije ashimira abitabiriye inama bose.

Ku ngingo ya kabiri ijyanye no kwemeza amategeko ayobora Ishyirahamwe nk'uko yavuguruwe (statuts, amategeko ngengamikorere), Umunyamabanga Mukuru w'Ishyirahamwe ATRACO yahawe ijambo asomera abitabiriye inama bose amategeko yose ingingo ku yindi, nyuma yo gusomerwa amategeko habajijwe ibibazo bikurikira :

Umuyobozi wa CESTRAR yatangiye ashima uburyo statut iteguye anabaza ikibazo ku ngingo ya 14 n'ya 15 z'iyi statut ko atazi ko atazisobanukiwe neza anabaza n'ibyerekere abahuzabikorwa mu turere.

Perezida wa ATRACO ku ngingo ya 14 yamubwiye ko mu gutumira abanyamuryango baza mu nama y'Inteko Rusange ko mu turere no kuma ligne hitoramo abahagararira abandi muri iyo Nteko, ati : « Biri mu mategeko mbonezamikorere ingingo ya 22 ». Ku kibazo cya 3 yamubwiye ko bikorwa mu rwego rw'uturere ATRACO ikoreramo.

Félix (Nyagatare) yavuze ko yifuza ko bahabwa statut buri munyamuryango wese akayigira. Perezida yamusubije ko bazayibaha vuba, kandi ko ibyo Umunyamabanga Mukuru yavuze asobanura statut buri

munyamuryango agomba kuba afite copie ye.

KUBWIMANA Hassan (Remera) yabajije umunyamuryango icyo ari cyo, itegeko rirengerwa umunyamuryango iryo ari ryo no ku munyamuryango wasezeye mu Ishyirahamwe nta kibazo afitanye naryo icyo agenerwa.

Perezida wa ATRACO ku kibazo cya mbere yamusubije ko ingingo ya 6 ya statut iribumusanurire umunyamuryango uwo ari we cyangwa se icyo ari cyo. Ku kibazo cya 2 yamusubije ko amategeko yose arengera buri munyamuryango Ku kibazo cya 3 Perezida yamusubije ko ari ntacyo bagenera uwasezeye kuko nyine aba yasezeye ku bushake bwe anamubwira ko usaziye muri ATRACO ariwe bagenera ubufasha kandi akaba agomba kuba ari mu bwishingizi bw'ubuzima.

Jean M Vianney yavuze ko atasobanukiwe ku ngino ya 33. Perezida yamusubije ko Syndicat idacuruzwa. Umuyobozi Mukuru wa CESTRAR nawe amusubiza ko Ishyirahamwe cyangwa se Syndicat ritandukanye na sosiyeti y'ubucuruzi, ko cotisation umunyamuryango atanga ari mu rwego rwa solidarité (gufashanya) ko mu gihe Ishyirahamwe risheshwe umutungo waryo uhabwa irindi shyirahamwe rikora imirimo nk'iyi iryasheshwe ryakoraga cyangwa andi mashyirahamwe akora ibijyanye no guteza imbere abaturage.

KAYITANA yabajije niba nyuma yo kwemeza statut hazabaho amatora. Perezida wa ATRACO yamuhaye igisubizo ku ngingo ya 3 ya statut yavuguruwe, ati : « amatora ni ngombwa ».

NTAGANZWA (Kiramuruzi) yabajije niba umuntu uvuye muri ATRACO ku bw'impamvu zitamuturutseho akajya ahandi ahita atakaza kuba umunyamuryango. Perezida wa ATRACO yamusubije ko bidashoboka kwitwa umunyamuryango wa ATRACO kandi utayikorera. **RABIKA Théogène** ukorera Rulindo yavuze ko iterambere tugezemo ritagendanye n'imodoka za Hiace ntoya abaza inama bagira abazifite. 1^{er} Vice Président yamubwiye ko bagomba gutekereza kuri vision baganamo kandi bakagura imodoka nini.

MUNYAKAZI Assumani yabajije niba muri ATRACO hari uburyo bwo kwishyurira umunyamuryango wayo wafuye asize ideni.

2^e Vice Président yamusubije ko ATRACO atari sosiyete y'ubwishingizi kandi ko idakora ubucuruzi ko idaharanira inyungu, ko ufashe ideni aba azi uko azishyura.

MATABARO Evariste (Zone Ouest) yasabye ko ku bijyanye no gusiga amarangi ku modoka zo mu Ntara babyitondera kubera ko bibahenda. Perezida yamusubije ko bazavugana n'abakora muri garage bakavugana ku biciro ku buryo bizaba bidahenze.

Ku bijyanye no gutora amategeko cyangwa se kuyemeza, abari bitabiriye inama bemeje ko mu gutora amategeko babikora bashyira amaboko hejuru noneho bakabara amajwi. Mu muhango wo gutorera kwemeza amategeko yavuguruwe abari bitabiriye inama bemeje statut bose uko bangana ijana ku ijana (100%).

Ku ngingo ya 3 ijyanye n'itegurwa ry'inama y'Inteko Rusange izakorerwamo amatora ya manda itaha, kuko isanzwe icyuye igihe ndetse n'iya 4 ijyanye no gukangurira abagize ishyirahamwe babishaka kwiyamamaza kuri manda itaha ; nyuma yo kwemeza statut Perezida wa ATRACO yasabye ko guhera tariki ya 17/01/2007 abashaka kwiyamamariza manda itaha bazatangira gutanga candidature zabo. Perezida yanasabye ko amatora ya manda itaha yazakorwa tariki ya 18/02/2007 bose barabyemeye.

Ku ngingo ya 5 ijyanye n'ikibazo cy'umunyamuryango wari umujyanama, wahagaritswe by'agateganyo na Komite Nyobozi ;

Perezida wa ATRACO yahawe ijambo kugira ngo agire icyo abivugaho, avuga ko uwo munyamuryango ariwe **KARANI Louis** yahagaritswe na Komite Nyobozi tariki ya 17/04/2006 kubera impamvu zikurikira :

- kurema amacakubiri mu banyamuryango ;
- guteranya ATRACO n'abanyamuryango bayo ;
- guteza umutekano muke muri za gares (Gisenyi, kuri Base) anakangurira abanyamuryango kwigaragambya.

2^e Vice Président nawe yahawe ijambo kugira ngo agire icyo avuga kuri **KARANI Louis** avuga ko bamugiriye inama kenshi zo kureka ibikorwa bibi yakoraga akabananira bikaza kumuviramo guhagarikwa, yakomeje avuga ko **KARANI Louis** mu mikorere ye akenshi yaranzwe n'amacakubiri. Kubera ko **KARANI Louis** yari yatumiwe muri iyo Nteko Rusange ya ATRACO yo kuwa 17/12/2006 , 2^e Vice Président yasabye ko **KARANI Louis** yahaguruka agafata ijambo nawe akagira icyo avuga ku byo bamushinja cyangwa se akisobanura ku byo aregwa bakarebera hamwe niba icyemezo bafashe bagikomeza burundu cyangwa se niba bamubabarira, **KARANI Louis** arabura (ntabwo yitabiriye ubutumire yahawe).

Hari bamwe mu banyamuryango batanze ubuhamya ku myitwarire ya KARANI Louis :

NTAMUTURANO Aloys yavuze ko bakoranye na KARANI Louis umwaka ku Gisenyi/Rubavu, avuga ko yabateje ibibazo byinshi nko kurema amacakubiri mu banyamuryango, aho umuntu yaturutse (uturere) mu madini n'ibindi, yanasabye kandi ko bamuhana n'ubwo yaba asezerewe burundu akaba agomba no gushyikirizwa inkiko.

NSHIMIYIMANA Protais yavuze ko Louis yakoze amakosa menshi harimo no gutuka abayobozi ba ATRACO anasaba ko bamushyikiriza ubutegetsu akabihanirwa. SALEH yavuze ko KARANI Louis yaremyemo abashoferi aho bakorera Ruhengeri (Musanze) ibice bibiri : BERESHI na NYABYONDO.

KARANGWA Laurent yavuze ko KARANI Louis ari umuntu ukunda amafaranga akagira n'umururumba mwinshi, yavuze kandi ko KARANI Louis yageze n'aho asaba abo yayoboraga kuzajya bamuha 250.000 Frw buri kwezi kugira ngo bakunde babane neza.

MUNYAKAZI Assumani yavuze ko KARANI Louis mu mikorere ye yanzwe n'amacakubiri, ruswa no guteranya abanyamuryango, yakomeje avuga KARANI Louis yaje amusaba ko yamufasha guhirika umuyobozi wa ATRACO/Ruhengeri (Musanze) kubera ko atari umukiga ahubwo ko ari umunyanduga kubera ibyo akaba atagomba kubayobora. Munyakazi yavuze ko yanze ibyo bitekerezo bya KARANI Louis kubera ko yasanze ari ibitekerezo bibacamo ibice.

NSENGIYUMVA Emmanuel yavuze ko ashimira Komite Nyobozi kuba yarahagaritse KARANI Louis, ati : « iyo ibyo bitaba ubu tuba tugeze ahantu habi ».

GAHUNGU Dismas (Base) yavuze ko KARANI Louis yaje kumushaka, amusaba ko yamufasha guhirika abakiga bari bashinze ponctuel kuri ligne ya BASE kuko yari inshuti ye cyane amusaba ko yamwemerera akamufasha bakabwira Police (Ishami ry'Iperereza) ko abo bashoferi bo kuri Base bafite igitekerezo cy'amacakubiri y'amoko n'ingengabitekerezo ya génocide. Dismas amaze kumwumva yaramuretse barabiganira ariko aramwihorera ahubwo ahitamo kujya kumenyesha Polisi (Ishami ry'Iperereza) rikorera ku Muhima ariko KARANI Louis ntiyabimenya. Karani Louis amaze kubona ko Dismas yanze kumufasha mu mugambi we yahise ajya kwifashisha umukozi wa ATRACO w'umugore witwa Jeanne wakoreraga kuri ligne ya Basse/ Nyarutovu kugira ngo amufashe kubeshyera abashinze ATRACO Ponciel yo kuri Basse ko bafite ingengabitekerezo ya génocide. Jeanne yarabikoze, ajya kuri Polisi ya Nyarutovu nayo irabatumira ikora n'iperereza, iza gusanga abaregwa barengana ahubwo ko KARANI Louis yari abiyihishe inyuma kubera inyungu ze zitazwi ariwe ufite amacakubiri. Ubwo abari bafashwe bahise barekurwa kandi batanga raporo mu buyobozi bwa ATRACO.

TWAGIRAMUNGU J. Pierre yavuze muri make ko KARANI Louis amuzi neza kubera ko bakoranye igihe kirekire KARANI ari umuyobozi wa ATRACO i Gisenyi (Rubavu), nawe ari umuyobozi umwungirije, anavuga ashimangira ko KARANI Louis amuziho amacakubiri ashingiye ku irondakoko n'amadini.

Perezida wa ATRACO yahawe ijambo kugira ngo atange imyanzuro y'inama, ati : « Ndagira ngo tubanze twemezanye niba dushobora guhagarika KARANI Louis burundu cyangwa se niba twamubabarira ». Abanyamuryango bose bemeje ko KARANI Louis agomba guhagarikwa burundu, babitoreye 99,7%.

Ku ngingo ya 6 ijyanye no gusezerera abanyamuryango batakiri muri ATRACO n'abakirimo batitwaye neza ; Umunyamabanga Mukuru wa ATRACO yahawe ijambo kugira ngo asomere abitabiriye inama bese abanyamuryango batakiri muri ATRACO (abagiye ahandi) ndetse n'abitwaye nabi, arangije kubasoma Perezida wa ATRACO yasabye abitabiriye inama ko abantu basomye kuri liste y'abatakiri abanyamuryango ko babitorera bakemeza ko babazereye. Abanyamuryango bari bitabiriye inama babitoreye 95%, amajwi 2% yarifashe naho 3% atora oya.

IMYANZURO

1. KWEMEZA STATUT Y'ISHYIRAHAMWE ATRACO

- Gutora : 100%

- Statut nshya y'ishyirahamwe ATRACO iremejwe n'Inteko Rusange ku itariki ya 17/12/2006
- 2. Itegurwa ry'inama y'Inteko Rusange izakorerwamo amatora ya manda itaha. Gukangurira abagize ishyirahamwe babishaka kwiyamamaza kuri manda itaha.
Hategenyijwe ko :
 - Gutanga candidature ya manda itaha ari kuwa 17/02/2007
 - Amatora y'abagize manda itaha ari kuwa 18/02/2007

Amatariki yo gutora komite nshya yemejwe n'Inteko Rusange yose.

- 3. Ikibazo cy'umunyamuryango wari umujyanama wahagaritswe na Komite Nyobozi ; inteko imaze kubona ko uregwa yahawe umwanya wo kwisobanura naboneke mu nteko kandi yaratumwe, hatanzwe ubuhamya bwa bamwe mu banyamuryango bakoranaga (zone ouest) bagaragaza uburyo yanzwe n'amacakubiri, gutuka abayobozi bakuru b'ishyirahamwe ATRACO, kurya ruswa...

Inteko Rusange yemeje ko KARANI Louis wari umunyamuryango wa ATRACO akaba n'umujyanama wa Komite nyobozi ya ATRACO ahagaritswe burundu guhera ku itariki ya 17/12/2006.

- 4. Gusezerera abanyamuryango batakirimo muri ATRACO n'abakirimo batitwaye neza ; Inteko Rusange imaze kubona ko bamwe mu banyamuryango ba ATRACO bagiye mu kazi no mu yandi mashyirahamwe atandukanye n'ibyo statut y'ATRACO igenderaho yemeza abanyamuryango bayo ;

Yemeje ko abari abanyamuryango ba ATRACO 920 basezerewe n'Inteko Rusange guhera tariki ya 17/12/2006, ikaba yarabitoroye 95%, amajwi 2% yarifashe naho 3% atora oya.

Inteko Rusange yateranye kuri 17/12/2006 niyo yemeje iyi myanzuro.

INTEKO RUSANGE YO KUWA 17/12/2006 YEMEJE AMARAPORO YOSE YASOMEWE MU RUHAME IKABA ISHYIGIKIYE N'IMYANZURO YOSE IFATIWE MURI IYI NTEKO RUSANGE ISANZWE YA ATRACO.

Inama yashojwe Perezida wa ATRACO ashimira Umuyobozi Mukuru wa CESTRAR n'abanyamuryango bose uburyo bihanganye bakageza ku musozo w'inama.

Inama yatangiye saa 11h00' irangira 16h37'.

Umuyobozi w'inama

**Président Col. TWAHIRWA L. Dodo
NSABIMANA Sylvain
(sé)**

Umwanditsi w'inama

**Umunyamabanga Mukuru
(sé)**

LISTE YA KOMITE NYOBOZI

N° AMAZ INA	ICYO AKORA	
1.	Col TWAHIRWA Louis Dodo	Président wa ATRACO
2.	NGEZE Issa	1 ^{er} Vice Président ATRACO
3.	NSENGIYUMVA François	2 ^{ème} Vice Président ATRACO
4.	RUDASINGWA Jeannine	Secrétaire Général ATRACO
5.	DIRISA Alexis	Trésorier ATRACO

6.	SEMINEGA Egide	Commissaire aux comptes
7.	UMUGANWA Béatrice	Commissaire aux comptes
8.	KAYITARE Emmanuel	Coordinateur Zone OUEST
9	RUTAGAMBWA Silas	Coordinateur Zone EST
10.	MWUNGUZI Alexis (Souvenir)	Coordinateur Zone SUD
11.	RWAMURANGWA Fred	Coordinateur Centre ville

**PROCES VERBAL D'ASSEMBLEE GENERALE EXTRAORDINAIRE DE LA SOCIETE
ENTREPRISE DE CONSTRUCTION, PONTS ET ACTIVITES DIVERSES ECONOMIQUES
“ECOPADE SARL”**

L'an 2007 le 25^{ème} jour du mois de septembre, l'Assemblée Générale Extraordinaire de la société Entreprise de construction, Ponts et Activités Diverses Economiques « ECOPADE SARL » a tenu ses assises au siège de la société sis à Kigali, Rwanda.

La séance s'est ouverte à 10h sous la présidence de Madame KAYIRANGWA Immaculée, Gérante de la société.

Madame la Présidente constate que d'après la liste de présence, sont présents ou représentés les actionnaires dont

les noms suivent :

1. Madame KAYIRANGWA Immaculée
2. Mademoiselle NISHIMWE Josepha représentée par KAYIRANGWA Immaculée.
3. Monsieur NIYONSABA Emmanuel, représenté par KAYIRANGWA Immaculée ;
4. Monsieur DUSHIMIMANA Josué, représenté par KAYIRANGWA Immaculée.

Madame la Présidente expose que la présente Assemblée Générale Extraordinaire a pour ordre du jour les points suivants :

1. Constat du décès d'un actionnaire majoritaire en personne de Monsieur GAHAKWA Joseph et l'avenir de la société.
2. Dissolution de la société.

Après débats et délibérations, l'Assemblée Générale Extraordinaire a pris à l'unanimité les résolutions suivantes :

1. Constatation du décès de Monsieur GAHAKWA Joseph, actionnaire majoritaire. Les autres actionnaires décident d'examiner la situation de la société en vue de déterminer si elle doit continuer les activités commerciales.
2. La société ECOPADE SARL est dissoute conformément aux dispositions des articles 25 et 26 des statuts de la société.

L'ordre du jour étant épuisé, la présidente lève la séance à 12 h

1. Madame KAYIRANGWA : Présidente
2. Mademoiselle NISHIMWE Josepha
3. Monsieur NIYONSABA Emmanuel
4. Monsieur DUSHIMIMANA Josué

ACTE NOTARIE NUMERO 01991 VOLUME XXXVIII

L'an Deux mille Sept, le Quatre octobre, Nous KAYIRANGA Jean Baptiste, Notaire Officiel de l'Etat Rwandais, étant et résidant à Kigali, certifions que l'acte dont les clauses sont reproduites ci-avant nous a été présenté par :

1. Madame KAYIRANGWA Immaculée, résidant à Kicukiro – Kigali-Ville
2. Mademoiselle NISHIMWE Josepha, résidant à Kicukiro – Kigali-Ville
3. Monsieur NIYONSABA Emmanuel, résidant à Kicukiro – Kigali-Ville
4. Monsieur DUSHIMIMANA Josué, résidant à Kicukiro – Kigali-Ville

En présence de NSHIMYIMANA Déogratias et de ABOYEZANTIJE Louis, témoins instrumentaires à ce requis et réunissant les conditions exigées par la loi.

Lecture du contenu de l'acte ayant été faite aux comparants et aux témoins, les comparants ont déclaré devant Nous et en présence desdits témoins que l'acte tel qu'il est rédigé renferme bien l'expression de leur volonté.

En foi de quoi, le présent acte a été signé par les comparants, les témoins et Nous, Notaire et revêtu du sceau de l'Office Notarial de Kigali.

Les comparants :

2. Madame KAYIRANGWA Immaculée
3. Mademoiselle NISHIMWE Josepha
4. Monsieur NIYONSABA Emmanuel
5. Monsieur DUSHIMIMANA Josué

Les témoins :

1. RUKANGIRA Emmanuel
2. ABOYEZANTIJE Louis

Le Notaire
KAYIRANGA Jean Baptiste
(sé)

Droits perçus :

Frais d'acte : deux mille cinq cent francs rwandais.

Enregistré par Nous, KAYIRANGA Jean Baptiste Notaire Officiel de l'Etat Rwandais étant et résidant à Kigali, sous le numéro 01991 volume **XXXVIII**, dont le coût **2.500** francs Rwandais perçus suivant quittance n° **224507** du 04/10/2007, délivrée par le Comptable de District de Gasabo,.

Le Notaire
KAYIRANGA Jean Baptiste
(sé)

Frais d'expédition : POUR EXPEDITION AUTHENTIQUE DONT COUT NEUF MILLE SIX CENT FRANCS RWANDAIS, PERÇUS POUR UNE EXPEDITION AUTHENTIQUE SUR LA MEME QUITTANCE.

KIGALI, le 04/10/2007

Le Notaire:
KAYIRANGA Jean Baptiste
(sé)

AS n° 42773

Reçu en dépôt au Greffe du Tribunal de Grande Instance de Nyarugenge, le 26/10/2007 et inscrit au registre adhoc des actes de société sous le n° RCA 1294/KGL le dépôt de : PV de l'AGE de la société ECOPAIDE SARL du 25/09/2007.

Droits perçus :

- Droit de dépôt : 5000 Frw
- Amende pour dépôt tardif :Frw
- Droit proportionnel (1,20% du capital) :Frw suivant quittance n° 2823659 du 26/10/2007.

**LE GREFFIER DU TRIBUNAL DE GRANDE
INSTANCE DE NYARUGENGE
MUNYENTWARI Charles
(sé)**

**PROCES VERBAL DE L'ASSEMBLEE GENERALE ORDINAIRE
DE PRINTER SET S.A.R.L. TENUE A KIGALI LE 17/12/2007**

L'an deux mille sept, le dix septième jour du mois de décembre, s'est réunie à Kigali, l'Assemblée Générale des Associés de PRINTER SET, Société à Responsabilité Limitée, au capital de treize millions et demi de francs rwandais, dont le siège est à Kigali, immatriculée au Registre de Commerce sous le n° R.C.A.0235/KIG, constituée conformément aux statuts publiés au Journal Officiel de la République Rwandaise n° 24 bis du 15/12/1991.

Sont présents ou représentés les Associés dont les noms et les parts sociales sont ci-après :

- Madame NAKONAKE Colette : **1.137 parts sociales**
- MUNYEMBABAZI Jean de Dieu : **203 parts sociales**

Sont absents les Associés dont les noms et les parts sociales sont ci-après :

- NZIRORERA François : **10 parts sociales**

La séance est ouverte à 10H00 sous la présidence de Madame NAKONAKE Colette qui désigne comme Secrétaire Me MUGEMANA Jean Marie Vianney

L'Ordre du jour comprend les points suivants :

1. Approbation du PV de l'assemblée Générale précédente ;
2. Etats financiers de la société pour l'exercice 2006 ;
3. Nomination des Administrateurs ;
4. Nomination du Directeur Général ;
5. Divers

Les convocations contenant l'Ordre du jour ont été faites conformément à la loi et aux statuts.

Les parts sociales présentes totalisent plus des $\frac{3}{4}$ du capital, ainsi l'Assemblée réunit les conditions exigées par la loi et par les statuts pour pouvoir délibérer valablement sur le seul point à l'ordre du jour.

Tous les faits exposés par le Président étant reconnus exacts par l'Assemblée, celle-ci se reconnaît valablement constituée et apte à délibérer sur les points inscrits à l'ordre du jour.

Après discussions et délibérations, l'Assemblée prend les résolutions suivantes :

Première résolution :

L'Assemblée générale a pris connaissance du procès-verbal de l'Assemblée Générale précédente et l'a approuvé à l'unanimité.

Deuxième résolution :

L'Assemblée Générale a décidé à l'unanimité d'adopter les états financiers de 2006 présentés par le Conseil d'Administration.

Troisième résolution :

L'Assemblée Générale a donné décharge aux Administrateurs et au Commissaire aux comptes à l'unanimité.

Quatrième résolution :

L'Assemblée nomme aux fonctions d'Administrateurs les personnes ci-après pour un mandat de 6 ans et qui acceptent :

1. MUNYEMBABAZI Jean de Dieu : Président du Conseil d'Administration
2. NAKONAKE Colette : Vice-Président du Conseil d'Administration
3. NTAGANDA Emmanuel : Administrateur

Cinquième résolution :

L'Assemblée Générale nomme Monsieur MUNYEMBABAZI Jean de Dieu, Directeur Général pour un mandat de 2 ans.

L'ordre du jour étant terminé, le Président a clos les travaux de l'Assemblée Générale après lecture du présent procès-verbal.

Fait à Kigali, le 17 Décembre 2007

Les Associés

NAKONAKE Colette
MUNYEMBABAZI Jean de Dieu

(sé)

(sé)

**ACTE NOTARIE NUMERO 1330
VOLUME XXVI**

L'an deux mille sept, le dix septième jour du mois de décembre ; Nous UWITONZE Nasira, Notaire Officiel du District de Nyarugenge, étant et résidant à Nyarugenge, certifions que l'acte dont les clauses sont reproduites ci-avant Nous a été présenté par :

1. Madame NAKONAKE Colette, résident à Kigali
2. Monsieur MUNYEMBABAZI Jean de Dieu, résidant à Kigali

En présence de MUREKEZI Cyprien et de KANKUYU Madeleine, témoins instrumentaires à ce requis et réunissant les conditions exigées par la loi.

Lecture du contenu de l'acte ayant été faite aux comparants et aux témoins, les comparants ont déclaré devant Nous et en présence desdits témoins que l'acte tel qu'il est rédigé renferme bien l'expression de leur volonté.

En foi de quoi, le présent acte a été signé par les comparants, les témoins et Nous, Notaire et revêtu du sceau de l'Office Notarial de Nyarugenge.

LES COMPARANTS :

1. NAKONAKE Colette
(sé)

2. MUNYEMBABAZI Jean de Dieu
(sé)

LES TEMOINS :

1. MUREKEZI Cyprien
(sé)

2. KANKUYU Madeleine
(s é)

LE NOTAIRE
UWITONZE Nasira
(sé)

DROITS PERCUS :

Frais d'acte : Deux mille cinq cents francs rwandais et enregistré par Nous UWITONZE Nasira, Notaire Officiel du District de Nyarugenge, étant et résidant à Nyarugenge, sous le numéro 1330, Volume XXVI, dont coût deux mille cinq cents francs rwandais perçus suivant quittance n° 179124 du 17 décembre deux mille sept, délivrée par le Receveur du District.

LE NOTAIRE
UWITONZE Nasira
(sé)

FRAIS D'EXPEDITION :

AUTHENTIQUE DONT COUT DEUX MILLE QUATRE CENTS FRANCS RWANDAIS, PERCUS POUR UNE EXPEDITION AUTHENTIQUE SUR LA MEME QUITTANCE

LE NOTAIRE
UWITONZE Nasira
(sé)

AS n° 42965

Reçu en dépôt au greffe du Tribunal de Grande Instance de Nyarugenge, le 04/01/2008 et inscrit au registre adhoc des actes de société sous le n° RCA 235/KGL le dépôt de : PV de l'AGO de la société PRINTER SET SARL du 17/12/2007.

Droits perçus :

- Droit de dépôt : 5000 Frw
- Amende pour dépôt tardif :Frw
- Droit proportionnel (1,20% du capital) :Frw suivant quittance n° 2989143 du 04/01/2008.

**LE GREFFIER DU TRIBUNAL DE GRANDE
INSTANCE DE NYARUGENGE
MUNYENTWARI Charles
(sé)**

